# Amashuri Yisumbuye no Gusoza Amasomo

**Imfashanyigisho Igenewe Umuryango Mushya**

**Porogaramu y'Ishuri ryisumbuye rya Nova Scotia itanga amasomo atandukanye yo gufasha gutegurira abanyeshuri ubuzima bwa nyuma y'amashuri yisumbuye.**

Amashuri Yisumbuye muri Nova Scotia

- harimo amasomo yo guhera mu mwaka wa 10, 11 na 12
- afite ibihembwe 2—igihembwe cya mbere ni ukuva muri Nzeri kugeza muri Mutarama, igihembwe cya kabiri ni ukuva muri Gashyantare kugeza muri Kamena
- afashwa na leta bityo nta kiguzi bisaba kuyigamo
- arafunguye kuri buri munyeshuri kugeza agize imyaka 21 y'amavuko

Amasomo ari mu mashuri yisumbuye yanditse ku **rubuga rw'** Imfashanyigisho ya Nova Scotia. Amashuri yigenga ashobora gutanga amasomo y'inyongera.

## Ubuzima mu mashuri yisumbuye

**Uburyo amasomo ateguye:** Abanyeshuri ubusanzwe biga amasomo ane kuva muri Nzeri kugeza muri Mutarama maze bakiga andi masomo ane kuva muri Gashyantare kugeza muri Kamena.

- Buri munyeshuri ahabwa ingengabihe y'amasomo yihariye ku ntangiriro ya buri mwaka cyangwa igihembwe.
- Amashuri agabanya umunsi mo ibice by'amasaha byitwa isaha. Mu mashuri menshi, abanyeshuri bava mu cyumba cy'ishuri kimwe bajya mu kindi mu munsi uko isaha n'amasomo yabo ahinduka. Hagendewe ku masomo umunyeshuri afite, ashobora kugira isaha adafitemo isomo.

**Ubwitabire:** Kugira ngo ubone amanota y'isomo mu mashuri yisumbuye, abanyeshuri bagomba kuboneka mu ishuri
byibuze ku kigero cya 80%. Reba *Politiki y'Ubwitabire no Kugira Uruhare ku Munyeshuri* kugira ngo ubone amakuru yisumbuye.

**Urukuta rw'Umunyeshuri-Umubyeyi:** Amakuru yerekeye umunyeshuri acungirwa muri sisitemu y'ikoranabuhanga yitwa PowerSchool irimo Urukuta rugenewe Umunyeshuri n'Umubyeyi rutanga amakuru nk'ishuri ingengabihe, imikoro, amanota, ubwitabire, ibitekerezo by'umunyeshuri n'amatangazo y'ishuri.

- Abanyeshuri n'ababyeyi/abarezi bashobora gukoresha urwo rukuta.
- Abakozi bakora mu biro by'ishuri bashobora kuguha izina ryo gukoresha n'ijambo banga.
- Kugira ngo ukoreshe urukuta, sura: www.ednet.ns.ca/inschool/students_parents.

## kwitegura ejo hazaza

Iyo abanyeshuri batangiye amashuri yisumbuye, berekwa amahitamo y'amasomo atandukanye. Amasomo abanyeshuri bahitamo ashobora kugira uruhare ku mahitamo ya nyuma y'amashuri yisumbuye n'umwuga.

Abanyeshuri n'ababyeyi/abarezi bashishikarizwa

- kunanira ku byo umunyeshuri yifuza, imbaraga n'imitungo
- kuganira n'umujyanama w'ishuri ku mahitamo y'isomo n'ubuzima bwa nyuma y'amashuri yisumbuye
- gukora ubushakashatsi ku mahitamo y'amasomo ajyanye n'intego afite nyuma y'amashuri yisumbuye na/cyangwa umwuga yifuza gukora
- kwitabira ibiganiro bitangirwa ku ishuri n'ibikorwa byo gutanga amakuru ku mahitamo y'amasomo
- gusuzuma gahunda mu buryo buhoraho no kuyitungana nk'uko bikenewe

**Abajyanama bakorera ku ishuri:** Abajyana bakorera ku ishuri bafite ubumenyi mu guha abanyeshuri, imiryango n'amashuri serivisi zitandukanye z'ubufatanye, zitangirwa ku ishuri. Serivisi zabo zirimo gufata ingamba zo gukemura ibibazo kare no kubikemura kare bigashyigikira ubuzima bwo mu mutwe bw'umunyeshuri, imibereho myiza n'iterambere, imyigire y'umunyeshuri no kugira ibyo ageraho no guhindura ubuzima no gupanga umwuga yifuza gukora.

**MyBlueprint:** My Blueprint niigikoresho cyoroheye umunyeshuri mu gupanga uburezi n'umwuga/ubuzima
gifasha abanyeshuri kumenya amakuru y'isoko ry'umurimo, imbaraga zabo, ibyo bisangamo n'inzira z'uburezi n'umwuga by'ejo hazaza. Abanyeshuri bashobora kwinjiramo kugira ngo batekereze ku myigire yabo, bagaragaze iterambere ryabo ndetse banasangize abandi ibyo bagezeho. Abagize umuryango na bo bashobora gukora konti ya MyBluePrint kugira ngo batange ubufasha mu gupanga uburezi n'umwuga w'umunyeshuri. Kugira ngo atange uburenganzira, umunyeshuri ashobora kwemeza ihuza risaba kwinjira rivuye kuri umwe mu bagize umuryango we.

**Abakangurambaga mu Mirimo y'Amashuri muri Nova Scotia:** Abakangurambaga mu Mirimo y'Amashuri muri Nova Scotiabashyirwa mu mashuri mu ntara yose kugira ngo batange

amakuru ku isoko ry'umurimo, gutanga uburenganzira ku mahirwe yagenewe abanyeshuri, amahugurwa ku byerekeye gupanga umwuga ku banyeshuri n'imiryango yabo n'ibindi byinshi.

**Sura:** Abakangurambaga mu mirimo y'Amashuri muri Nova Scotia (NSWSLs) na Let's Talk Careers kugira ngo ubone NSWSL
iri hafi yawe.

## Amahitamo y'amasomo kugira ngo urangize amasomo

Impamyabumenyi y'Amashuri Yisumbuye ihabwa abanyeshuri barangije neza
byibuze amasomo yo muri porogaramu y'amashuri yisumbuye 18. Kurangiza neza isomo bivuga kuba umunyeshuri yarabonye amanota 50% cyangwa hejuru mu isomo. Buri somo ubusanzwe ribarirwa inota
1.

- **Amanota y'isomo akenewe kugira ngo usoze amasomo agomba kubamo:**
  - amanota atarenze 7 ko mu cyiciro cya 10

  na

  - byibuze amanota 5 ku cyiciro cya 12
- **13 (mu manota 18 yabo) azaturuka muri hamwe muri aha hantu hakurikira:**
  - Amanota 3 mu buvanganzo bw'ururimi (1 kuri buri cyiciro)
  - Amanota 3 mu mibare (1 kuri buri cyiciro)
  - Amanota 3 muri siyansi n'ikoranabuhanga
  - Amanota 3 mu iterambere bwite n'imibanire
  - Inota 1 mu buvanganzo
- **amanota 5 asigaye (mu manota 18 yabo) azava mu masomo umunyeshuri yihitiramo:**
  - Amasomo umunyeshuri yihitiramo atandukanye aratangwa mu mashuri ya Nova Scotia.
  - Abanyeshuri bari muri porogaramu z'abaturage cyangwa ibindi bikorwa bya nyuma y'amasomo bashobora guhabwa inota mu gihe bitangwa n'utanga serivisi wemejwe.

    Buri mwaka w'amashuri, Ishami Rishinzwe Uburezi n'Iterambere ry'Abana itangaza "Urutonde rw'Utanga Serivisi Wemejwe n'Isomo"
  - Abanyeshuri bashobora kurangiza amasomo y'inyongera (hejuru y'amanota 18 akenewe ngo usoze amasomo)
    kugira ngo bahuze n'ibyo bifuza n'intego zabo.

### Ibyo Wize Mbere

Niba bishoboka, tanga inyandiko z'uburezi bwa mbere, inyandiko z'amanota za kera cyangwa indangamanota kugira ngo ishuri ryemeze amanota y'amashuri yisumbuye ushobora guhabwa ku byo wize mbere. Bishobora kugira akamaro kuba ufite izi nyandiko zisemuye mu Cyongereza cyangwa Igifaransa bikozwe n'umusemuzi ubifitiye ububasha.

**Kugira ngo buzuze ibisabwa kugira ngo basoze amasomo, abanyeshuri barashishikarizwa kugana umujyanama ukorera ku ishuri kugira ngo usuzume uburyo bwo guhitamo amasomo.**

**Sura urubuga rw'ishuri kugira ngo ubone amakuru y'inyongera ku guhitamo amasomo.**

## Andi masomo yo mashuri yisumbuye na porogaramu

Mu gihe bari gukora kugira ngo babone impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye, abanyeshuri bashobora nanone kurangiza amasomo akurikira cyangwa porogaramu zitanga impamyabushobozi zagenewe kwibanda ku miyoboro y'imyuga n'ibyifuzo byihariye. Abanyeshuri bagomba kubaza ishuri ryabo kugira ngo ryemeze amasomo muri aya akurikira cyangwa porogaramu zibagenewe.

### Uburezi burimo no Kwimenyereza Umwuga

Uburezi burimo no Kwimenyereza Umwuga ni isomo ritangwa n'ikigo aho abanyeshuri bunguka ubumenyi bakanamenya inzira z'umwuga bifuza gukora. Abanyeshuri bashyirwa mu kazi aho bunguka ubunararibonye mu kazi, biga gusobanukirwa ahakorerwa akazi ndetse bakunguka ubwenge bwo mu buzima busanzwe, ubumenyi n'imyitwarire bakeneye kugira ngo bagire intsinzi mu mwuga wabo. Abanyeshuri bagomba kuba bafite imyaka 16 y'amavuko; cyangwa niba bafite imyaka 15 y'amavuko, bagomba byibuze kuba baratangiye icyiciro cya 11. Abanyeshuri bagomba guha ubusabe bwabo umwarimu ukorera ku ishuri ushinzwe uburezi burimo no kwimenyereza umwuga kugira ngo biyandikishe muri iri somo.

### Impamyabushobozi y'Ubumenyi Buhanitse mu Gisata Runaka

Porogaramu y'impambyabushoboziy'Ubumenyi Buhanitse mu Isomo yemerera abanyeshuri kubona amanota y'impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye barangiza amasomo ndetse banabona amahirwe yo mu buzima busanzwe ajyanye n'umwuga bifuza gukora. Hashingiye kuri porogaramu zitangirwa ku ishuri ryabo, abanyeshuri bashobora kubona imwe mu mpamyabushobozi eshanu: Ubuvanganzo, Guhanga Udushya mu Ikoranabuhanga, Uburezi bw'Incuke, Ubuzima n'Imibereho Myiza n'Imyuga irimo Ubumenyi.

### Amahitamo n'Amahirwe ($O_2$)

Amahitamo n'Amahirwe ($O_2$) ni porogaramu y'imyaka 3 iha abanyeshuri ubumenyi butandukanye mu baturage no mu tuzi. Porogaramu irimo indengoshuri, abashyitsi batanga ibiganiro, kwiga gutanga serivisi, imishinga ikorerwa mu baturage, gutozwa n'amanota menshi mu burenzi burimo no kwimenyereza umwuga. Bityo rero, abanyeshuri babasha guhuza ishuri n'imirimo bifuza gukora no gufata imyanzuro ishingiye ku makuru ku byo bashaka gukora nyuma y'amashuri yisumbuye, harimo kaminuza, koleji, kwimenyereza umwuga cyangwa guhita bajya mu kazi.

- **Abanyeshuri bashaka bifuza $O_2$ bagomba kubisaba mu cyiciro cya 9.** Hari imyanya 20 gusa buri mwaka muri buri shuri ritanga iyi porogaramu.

### Utuzi Dusaba Ubumenyi

Amasomo y'Utuzi Dusaba Ubumenyi asa n'ahakorerwa utuzi, ibikoresho n'ibikorwa bikoreshwa mu ruganda. Abanyeshuri bashobora kwiga mu buryo butekanye kandi butuma bakora. Abanyeshuri bagira imyitwarire, ubumenyi n'ubwenge bazakeneye kugira ngo bakomeze ubuzima,

akazi no kwiga imyuga ijyanye n'akazi. Abanyeshuri bigishwa n'umuntu warangize amahugurwa wemewe cyangwa bagenzurwa n'umuntu warangije amahugurwa wemewe ahantu ho kwigira no kwimenyereza umwuga, bemerewe guhabwa amasaha yo guhabwa impamyabushobozi y'akazi.

### Kwimenyereza Umurimo ku Rubyiruko

Muri Nova Scotia, urubyiruko rushobora kwiyandikisha nk'urubyiruko ruri kwimenyereza umurimo niba bagejeje imyaka 19 y'amavuko ndetse bakaba bakora akazi umunsi wose cyangwa igice cy'umunsi muri kamwe mu tuzi twateguwe na Nova Scotia. Kwiyandikisha nta kiguzi bisaba. Urubyiruko rwimenyereza umurimo rwishyurirwa kwiga ndetse rugera kure mu mwuga mu kazi mbere y'abandi.

Kwimenyereza Umurimo ku Rubyiruko biha abanyeshuri amahirwe yo kubona ubunararibonye mu kwiga umurimo kandi bari no kwiga muri sisitemi y'amashuri ya Leta. Urubyiruko rufite akazi mu mu murimo usaba ubumenyi kandi rurebererwa n'umuntu warangije amahugurwa wemewe rushobora kwigwizaho amasaha azarufasha mu guhabwa impamyabushobozi muri uwo murimo.

Niba ukeneye amakuru y'inyongera, jya ku Rubuga rwoKwimenyereza Umurimo ku Rubyiruko.

### Porogaramu z'Ururimi rw'Igifaransa

Abanyeshuri biga mu amshuri yigisha mu Cyongereza bashobora kubona impamyabushobozi zikurikira bamaze kurangiza neza amasomo akenewe:

- Impamyabushobozi yo Kwiga Amasomo Yose mu Gifaransa
- Impamyabushobozi yo Kwiga Amwe mu Masomo mu Gifaransa

### Porogaramu y'Uburezi ya International Baccalaureate (IB)

Porogaramu y'Impamyabumenyi ya International Baccalaureate (IB)ni porogaramu y'imyigire yumvikana izwi ku ruhando mpuzamahanga itangwa mu byiciro bya 11 na 12 mu bihugu 156 ku isi. Ubu hari amashuri atanga impamyabumenyi ya IB 13 muri Nova Scotia. Hamagara umujyanama w'ishuri kugira ngo yemeze niba IB itangwa ku ishuri wigaho.

Porogaramu ya IB Irazwi kandi yubashywe na za kaminuza zo ku isi ndetse abanyeshuri bashobora kubona amanota abajyana muri kaminuza kwiga amasomo ya IB.

## Kwiga Umwarimu n'Umunyeshuri Batari Kumwe (Kwigira kuri Murandasi)

Abanyeshuri bari mu cyiciro cya 10 kugeza ku cya 12 bifuza cyangwa bashaka kwiga amasomo yo mu mashuri yisumbuye adatangwa mu bigo bigaho cyangwa akaba atabasha kujya mu ngengabihe yabo, bashobora kwiga isomo binyuze muri porogaramu yo kwigira kuri murandasi.

- Porogaramu zo kwigira ku ya kure ni ubuntu ku bana biga mu mashuri ya Leta.
- Abana bashyirwa ku rugero rumwe n'urwo kwiga imbonankubone.
- Ubu buryo bukora neza ku banyeshuri banyuzwe n'ikoranabuhanga no kwigira kuri murandasi kandi bashoboye kwiyobora mu kwiga ubwabo.

### Amashuri Yigishiriza kuri Murandasi muri Nova Scotia (NSVS) / l'École virtuelle au CSAP (ÉVCSAP)

Amasomo ya NSVS na ÉVCSAP yigishwa n'amashuri ya leta yo muri Nova Scotia ku munsi wo kwiga. Abanyeshuri bagomba kugira umwanya muri gahunda yabo y'amasomo ya buri munsi yo

kwiga aya masomo yo kuri murandasi no guhura n'abarimu babo bo mu ikoranabuhanga ndetse n'abanyeshuri bigana kuri murandasi mu gihe bari ku ishuri.

### Kwigira kuri Murandasi muri Nova Scotia (NSIOL)

Abanyeshuri bari mu masomo ya NSIOL biga ku giti cyabo kuri murandasi kandi bakagenda ku muvuduko bashaka Umutoza w'isomo
usanzwe ari umwarimu wemewe, ahurira n'abanyeshuri kuri murandasi ku migoroba cyangwa mu mpera z'icyumweru, inshuro 8 kugeza ku 10 mu gihe cyo kwiga isomo. Umutoza afasha abanyeshuri gupanga gahunda yabo y'amasomo ndetse akabayobora mu isomo ariko ntabwo abigisha cyangwa ngo abafashe gusubira mu byo bize.

Abanyeshuri bafite kugeza ku mezi 18 yo kurangiza isomo rifite inota 1, kugeza ku mezi 24 yo kurangiza
isomo rifite amanota 2 ndetse no kugeza ku mezi 6 yo kurangiza isomo ryose. Urubuga rwa NSIOL ruriho amakuru y'inyongera, harimo n'urutonde rw'amasomo ahari ubu ndetse n'azaza.

- Amasomo ya NSVS na NSIOL araharo kuri porogaramu zitanga amasomo mu Cyongereza no mu gifaransa mu kigo icyo ari cyo cyose Gishinzwe Uburezi mu Gace (RCE).
- Amasomo ya ÉVCSAP arahari mu Gifaransa ku banyeshuri biga ku mashuri ari muri Conseil scolaire acadien provincial (CSAP).

Ukeneye amakuru y'inyongera, jya ku Rubuga rwa Distributed Learning cyangwa uvugane n'umujyanama ukorera ku ishuri wumve niba Kwigira ku ya kure ari uburyo bwiza. Abanyeshuri bashobora kwiyandikisha mu masomo atangirwa kuri murandasi mu gihe cyo guhitamo amasomo baziga ku ishuri bigaho.

## Ibizamini byo ku Rwego rw'Intara

Nova Scotia itanga ibizamini byo ku rwego rw'intara mu masomo akurikira:

- Icyongereza 10
- Français 10 (CSAP)
- Imibare 10
- Mathématiques 10

Ibizamini byo ku rwego rw'intara bibarwa nka 20% by'amanota yanyuma y'isomo.

- Abanyeshuri banditse muri aya masomo bakora ikizamini kimwe cyo ku rwego rw'intara.
- Abanyeshuri bafite **Gahunda ya Porogaramu Yihariye (IPP)** mu Cyongereza, Igifaransa 10 cyangwa Imibare 10 ntabwo bakora ibi bizamini byo ku rwego rw'intara.
- Abanyeshuri **biga Icyongereza cyangwa Igifaransa nk'ururimi rw'inyongera** bashobora kudasabwa
gukora ibi bizamini. Umuyobozi w'ikigo, agishije inama abarimo, ababyeyi/abarezi n'umunyeshuri, bazareba ibizamini bizakenerwa hagendewe ku bumenyi umunyeshuri afite mu rurimi ako akanya.
- Abanyeshuri biga ururimi rw'inyongera bazemererwa gukoresha **umusemuzi mu buryo bw'ikoranabuhanga na/cyangwa inkoranyamagambo irimo indimi zombi**. Bazanahabwa umwanya w'inyongera nibiba ngombwa.

Igice cy'Isuzuma Rikorerwa Umunyeshuri cy'urubuga rw'Ishami Rishinzwe Uburezi n'Uburezi bw'Incuke kirimo amakuru y'inyongera ku Bizamini byo muri Nova Scotia.

# Amakuru y'uburyo watubona

Ukeneye amakuru yisumbuye, hamagara Ikigo Gishinzwe Uburezi (RCE) cyangwa Conseil scolaire acadien provincial (CSAP).

- **Ikigo Gishinzwe Uburezi mu Gace ka Annapolis Valley** (AVRCE)
- **Ikigo Gishinzwe Uburezi mu Gace ka Cape Breton-Victoria** (CBVRCE)
- **Ikigo Gishinzwe Uburezi mu Gace ka Chignecto** (CCRCE)
- **Conseil scolaire acadien provincial** (CSAP)
- **Ikigo Gishinzwe Uburezi mu Gace ka Halifax** (HRCE)
- **Ikigo Gishinzwe Uburezi mu Gace ka South Shore** (SSRCE)
- **Ikigo Gishinzwe Uburezi mu Gace ka Strait** (SRCE)
- **Ikigo Gishinzwe Uburezi mu Gace ka Tri-County** (TCRCE)
- **SchoolsPlus** izana serivisi n'ubufasha butandukanye ndetse irahari muri buri shuri muri Nova Scotia

Niba wifuza ubufasha mu muryango mugari w'abantu ubarizwamo, hamagara:

- **YMCA School Settlement** – irahari hose mu ntara
- **YREACH** – irahari hanze ya Halifax Regional Municipality (HRM)
- **Immigration Francophone** – irahari binyuze mu Mukozi Ushinzwe Imiturire mu ishuri wigamo